RESETTLEMENT SUPPORT CENTER RSC

CORE
Cultural Orientation Resource Exchange

Kinyarwanda Version




# Irinde Uburiganya kandi urege ababukora

Serivisi zikora ibikorwa byo gutuza impunzi ntizishyurwa. Ntihagire umuntu uwo ari we wese uha ifaranga cyangwa ngo wemere kugira ikindi umukorera ugamije kumutonesha kubera serivisi yagukoreye cyangwa ubufasha yaguhaye.




Gusabwa gutanga amafaranga, serivisi, cyangwa gukora igikorwa kigamije gutonesha ugira ngo witabweho na Serivisi zikora ibikorwa byo gutuza impunzi ntibyemewe imbere y'amategeko kandi bifatwa nk'uburiganya. Nta narimwe mu gikorwa cyo gutuza impunzi ku buryo burambye hagira umuntu ugusaba kumwishyura cyangwa akagusaba ko hari icyo wamukorera ngo umutoneshe cyangwa ngo agusabe serivisi iyo ari yo yose.



Muri ibi harimo kuba wakwishyura umukozi uwo ari we wese wa Leta Zunze Ubumwe zaAmerika, w'imiryango mpuzamahanga, ibigo bifasha gutuza impunzi mu buryo burambye, amavuriro, n'imiryango itagengwa na Leta. Nta muntu n'umwe wo muri iyi miryango wagombye kugusaba amafaranga cyangwa ko wamukorera ibikorwa agira ngo umutoneshe.

Nta muntu ukorera Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi ufite ububasha bwo kwihutisha dosiye yawe cyangwa kuguha garanti ko dosiye yawe izemerwa. Kwishyura umuntu nta nakimwe bizafasha kuri dosiye yawe mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Porogaramu Yemerera Impunzi Kuza kuba muri Leta Zunze Ubumwe zaAmerika nta butumwa izigera ikohereza ibunyujije kuri konti ya Facebook cyangwa ku rundi rubuga nkoranyambaga. Witondere ibirebana n'itumanaho ukora. Ukoreshe gusa uburyo bw'itumanaho bwemerwa na Leta.



Niba hari umuntu ugusabye amafaranga, uguhatira kwandika usaba, ugusaba kugirana na we imibonano mpuzabitsina cyangwa ibindi bikorwa byo gutonesha ibyo ari byo byose, cyangwa ugutera ubwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, nyamuna bimenyeshe ikigo mukorana gitera inkunga igikorwa gutuza impunzi mukorana. Amakuru yerekeranye no kumenyesha imyitwarire idahwitse uzayahabwa mu kiganiro cya mbere uzakora.



Kumenyesha bene aya mahano nta ngaruka bizagira kuri dosiye yawe. Kumenyesha amakuru yerekeye uburiganya bifasha porogaramu kurushaho kugira imbaraga imbere ya buri wese.

Wibuke ko, serivisi zo gutuza impunzi zitangirwa ubuntu. Ikibesheje aha abakozi b' Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi ni ugutanga ubufasha kandi bashobora gutanga amakuru menshi ajyanye n'ubufasha batanga igihe icyo ari cyo cyose.


**Serivisi zose zo gutuza impunzi zitangirwa ubuntu. Nta na rimwe byemewe ko hagira uwishyuza serivisi iyo ari yo yose ijyanye no gutuza impunzi Niba hari ugusabye amafaranga, akaguhatira gusaba gutuzwa, akubwira ko yagukurikiranira cyangwa akagusunikira idosiye, cyangwa akagutera ubwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, usabwe kubimenyesha Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi.**

CORE
Cultural Orientation Resource Exchange

The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**

Kinyarwanda Version

# Impunzi zirisanga hano



Impunzi nyinshi ziba zarahuye n'ibizihahamura mu buzima bwazo. Ibigo Bitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi nka bamwe mu bagira uruhare muri Porogaramu yo Kwemerera Impunzi Kuza gutura muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, biri ahantu hari umutekano, bigaha impunzi ahantu ho kuba hari umutekano.




Amategeko ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika aha buri wese uburenganzira bungana. Nta muntu wo muri Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi uzagukorera ivangura ku mpamvu iyo ari yo yose. Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi yubaha impunzi zose ititaye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku idini, ku bitekerezo bya politiki, ku gitsina, kuba uri umutinganyi cyangwa utari we, harimo no ku babana bahuje ibitsina.



Niba warakorewe iyica rubozo, warakorewe urugomo, warashyizweho iterabwoba, cyangwa warakorewe ivangura, ushobora kubibwira abakozi bacu mu gihe murimo mugirana ikiganiro. Tuzakumva twitonze kandi dufite impuhwe.



Ni byiza kubwira umukozi ushinzwe dosiye yawe cyangwa abandi bakozi ibyo wanyuzemo, kandi ugomba gusaba kuvugana n'umugenzuzi igihe icyo ari cyo cyose. Ikintu cyose utubwira gifatwa nk'amakuru y'ibanga.



Wibuke, serivisi z'ibikorwa byo gutuza impunzi ni ubuntu. Ikitubesheje hano ni ugufasha kandi abakozi bashobora kukugezaho amakuru abikumenyesha igihe icyo ari cyo cyose.

**Serivisi zose zo gutuza impunzi zitangirwa ubuntu. Nta na rimwe byemewe ko hagira uwishyuza serivisi iyo ari yo yose ijyanye no gutuza impunzi Niba hari ugusabye amafaranga, akaguhatira gusaba gutuzwa, akubwira ko yagukurikiranira cyangwa akagusunikira idosiye, cyangwa akagutera ubwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, usabwe kubimenyesha Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi.**

The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**